# 51: Yemwe bantu mwese

1.
Yemwe bantu mwese, mushimir' Imana, Ku mbabaz'ihor' itugirira, Yesu Kristo, aturind' iminsi yose, Kand' atuyobor' inzira.

Ref:
Shim' Imana! Shim' Imana! Kukw ari yo iturinda twebwe twese. Shim' Imana!
Shim' lmana! Kuko irind' abayo neza.

2.
Yesu yakubabariy' ibyaha byose. Aragukiz' intege nke zawe. Araguhanagur' amarira yawe, Urahazwa n'ubuntu bwe.

3.
Yes' ashobora kuguh' imbaraga nshya, No kuguh' intwaro yo kunesha. Uyoborwa neza mu nzira ya Yesu, Akurinda mu mahoro.

4.
Hor' ushikamye mu Mwami Yesu Kristo, Ni ko gukiranuka gushyitse. Ni nako gakiza, ndetse ni bwo bwenge Turonkera mu Mukiza.

5.
Umuns' umw' Umwami Yes' azagaruka, Aje kutujyan' iwe mw ijuru. Uwo Mwami wacu, tuzamuhimbaza, Kukw ari we Mucunguzi.

Visit us at indirimbo.com